- FDLR -

FORCES DEMOCRATIQUES DE LIBERATION DU RWANDA
DEMOCRATIC LIBERATION FORCES OF RWANDA
URUGAGA RUHARANIRA DEMOKARASI NO KUBOHOZA U RWANDA

BUREAU DU PRESIDENT / IBIRO BYA PEREZIDA / OFFICE OF THE PRESIDENT

Tel: +243- 853509850 Email: fdlrsrt@gmail.com ou humura2020@gmail.com

---

UBUTUMWA BW'UMUYOBOZI W'URUGAGA FDLR KU MUNSI MUKURU W'UBUNANI BWA 2017.

BACUNGUZI, BACUNGUZIKAZI,
NSHUTI BAVANDIMWE,
BANYARWANDA, BANYARWANDAKAZI

Nimugire UBUTABERA n'AMAHORO nyabyo byo nkingi y'UBWIYUNGE n'AMAJYAMBERE nyakuri Abanyarwanda bakeneye. Tubifurije kandi UMWAKA MUSHYA MUHIRE WA 2017.

Uzatubere umwaka w'amahoro aturuka ku MANA NYIRUBUBASHA, yo soko y'ukuri.
Muri rusange ku itariki ya 01 Mutarama abantu bishimira ko bashoje umwaka bagatangira undi. Ni umwanya wo kuzirikana ibyabaye mu mwaka urangiye no gufata ingamba ku utangiye.

Mu rugaga FDLR, umwaka wa 2016 udusigiye iki? Uyu wa 2017 tuwutezeho iki?

Umwaka ushize wari simusiga ku rugaga FDLR n'impunzi rurengera. Habayeho guhangana n'ibitero bya buri gihe by'ingabo za Kongo (FARDC), iz'u Rwanda (FRD) n'indi mitwe yitwaje intwaro bafatanyije nka KYANDAIRA, NDC TCHECA, NDC RENOVE GUIDON, MAYI MAYI MAZEMBE, ...

Habayeho kandi guhangana n'icyuka kibi cy'amacakubiri cyatutumbaga mu rugaga cyikingirije ikibazo cy'impunzi (ibarura, amakambi n'andi mareshya mugeni). Ni muri urwo rwego inama idasanzwe ya Komite Nyobozi ya FDLR yateranye mu mwanya wa Komite Nkuru ya FDLR (Comité de Résistance National) kuva ku wa 23 kugeza ku wa 26 Gicurasi 2016.

Mu byemezo yafashe harimo guhagarika by'agateganyo Col IRATEGEKA Wilson wari Visi Perezida wa kabiri wa FDLR kugira ngo hakorwe ipererezа ku ruhare rwe muri icyo cyuka kibi cy'amacakubiri n'ibikorwa by'ubugambanyi mu rugaga. Bidateye kabiri, ntiyihishira, ku wa 31 Gicurasi 2016, amaze gusahura umutungo w'Urugaga FDLR no kugumura bamwe mu Bacunguzi barwo, IRATEGEKA Wilson atangaza ko yitandukanyije na FDLR ko ashinze CNRD- UBWIYUNGE.

Kuva ubwo, Urugaga ruhangana n'ingaruka z'iryo gumuka ariko cyane cyane n'ibitero bya CNRD ifatanyije n'ingabo za Kongo (FARDC), iza MONUSCO n'indi mitwe ikorana cyangwa ikoreshwa na FPR-Inkotanyi mu mugambi mubisha wo gusenya burundu FDLR, bica abayobizi bayo, bica cyangwa bacyura ku ngufu impunzi.

Mu rwego rwo kwiyubaka, inama idasanzwe ya Komite Nyobozi ya FDLR, yarateranye kuva ku wa 24 kugeza ku wa 30 Kanama 2016 ifata ingamba n'ibyemezo ku bigumuye birimo gukurikirana IRATEGEKA Wilson no kumwirukana mu rugaga. Iyo nama kandi yanagennye gahunda yo kuziba icyuho, kuvugurura zimwe mu nzego no gukomeza ibikorwa by'Urugaga.

BACUNGUZI, BACUNGUZIKAZI,
NSHUTI, BAVANDIMWE DUSANGIYE GUPFA NO GUKIRA,
Ngo " KURAMA KW'INKOKO SI IMPUHWE Z'AGACA"!

Mu gukoresha iturufu y'amacakubiri ahereye mu bayoyozi bakuru b'Urugaga, umwanzi yizeraga ko noneho umugambi wo gutsiratsiza FDLR awugezeho, ntiyamenya ko "UMWANZI AGUCIRA AKOBO IMANA IKAGUCIRA AKANZU".

Iyo MANA ikomeje kwerekana ko ariyo NYIRURUGAMBA ntiyahiriye uwo mugambi mubisha. Urugaga FDLR ruracyariho kandi rukomeje urugamba mpaka kugeza ku ntsinzi.

Igikuba cyaducitsemo muri 2016 kibere buri Mucunguzi n'Abanyarwanda bose baharanira impinduka nyayo mu Rwanda isomo rikomeye ryo kutongera kunyurwa manuma ngo bagushwe mu mitego y'umwanzi n'ubuhendabana nk'indonke y'amafaranga, amazu meza, amashuri, imyanya mu butegetsi,... ugatatira igihango utambamira urugamba rwo guca ingoyi mbi ya " CYAMI NSHYA" ya FPR-Inkotanyi izonze Abanyarwanda.

Uyu mwaka wa 2017 ni uw'amahitamo ku banyarwanda bose:
Kwigobotora ingoma ngome y'agatsiko nkoramaraso ka FPR- Inkotanyi karangajwe imbere na Paul KAGAME witeguye kwambikwa ikamba ry'ubwami mu ngirwamatora yo muri KANAMA 2017 akoresheje uburiganya n'amayeri ngo aha ni ubushake bwa rubanda! Cyangwa se kwemera gukeza ubwo bwami no kuba ingaruzwa muheto ubuziraherezo.

Urugaga FDLR rwanze kandi ntiruzemera na rimwe ko u Rwanda rukomeza kugirwa ingarigari y'agatsiko ka FPR- Inkotanyi n'Abanyarwanda bakaba ingaruzwamuheto, abacakara, inkomamashyi n'abahakwa mu gihugu cyabo cyitwa ko kigenga.

Kubw'ibyo Abacunguzi bakomeze ubutwari ku rugamba, kuba maso no gushyira mu bikorwa ingamba na gahunda by'Urugaga. Abahuje n'Urugaga FDLR urugamba n'umugambi byo guharanira Demokarasi no kubohoza u Rwanda n'Abanyarwanda barasabwa:

- Kwiyumvisha neza intandaro n'imiterere by'ikibazo cy'u Rwanda n'Abanyarwanda;
- Kwiyumvisha neza impamvu icyo kibazo kidakemuka n'uruhare rwa buri wese;
- Kwiyumvisha neza ingaruka mbi zo gukomeza gutinda no kuzarira mu gukemura icyo kibazo;
- Kujya inama no guhuza imbaraga;
- Kwitanga no kwemera kugira icyo wigomwa ku nyungu z'urugamba;
- Kuzirikana buri gihe ko AKIMUHANA KAZA IMVURA IHISE, dore ko n'IMANA IGIRA AHO IMANIRA;
- N'ibindi.

BACUNGUZI, BACUNGUZIKAZI;
NSHUTI BAVANDIMWE;
BANYARWANDA, BANYARWANDAKAZI

Urugamba turiho ni urw'UKURI n'UMUCYO bihanganye n'ikinyoma gicura inkumbi kikoreka imbaga y'Abanyarwanda.
IMANA yo soko y'ukuri ntijya itererana abaguharanira. Turusheho kuyigororokera izatugeza ku ntsinzi.

Twongeye kubifuriza UMWAKA MUSHYA MUHIRE WA 2017, uzatubere umwaka w'amahoro, umwaka w'ibikorwa bitanga icyizere ku banyarwanda.

HARAKABAHO U RWANDA N'ABANYARWANDA;
HARAKABAHO URUGAGA FDLR;
HARAKABAHO ABACUNGUZI N'INSHUTI ZA FDLR.
IMANA ibahe umugisha.

Bikozwe kuwa 20 Ukuboza 2016.

BYIRINGIRO Victor
General Major
Président ai des FDLR